Rwanda Education Board

# Ishuri ryange



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Umuvugo wo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.


- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.


# Ishuri ryange



NIYONZIMA John, yanditse uyu muvugo afite imyaka 22, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye, mu rwunge rw'amashuri rwa Bihinga, Akarere ka Gatsibo, Intara y'Iburasirazuba. Iyi nkuru ye, ISHURI RYANGE, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.




Shuri nkunda shuri ndata




Shuri ndota ijoro n'umunsi
Shuri ryiza nzagukunda.




Wampaye ubwenge ngira agaciro




Nkabara neza ngasoma neza
Shuri ryiza nzagukunda.




Uranyigisha ukanjijura



Urampumura ukampugura
Shuri ryiza nzagukunda.



Igihe niga mporana nawe



Ntana nawe nijoro bwije
Shuri ryiza nzagukunda.



Wareze benshi uranabacutsa.




Abarezi bacu warabatoje
Shuri ryiza nzagukunda.



Ubwenge utanga burahebuje



Abana twese dusoma neza
Shuri ryiza nzagukunda.



Uwanyereka uwaguhanze
Namutura urwa Gasabo.



Namushima nkanamurata
Shuri ryiza nzagukunda.



Kugira neza biraturanga
Imico myiza ikanatubera



Dushimwa twese aho duca hose
Shuri ryiza nzagukunda.



Ndinda rwose njyane nawe
Tugane ishuri duhashye ubujiji.



Ubujiji bwacu tubute ishyanga
Shuri ryiza nzagukunda.

# Ishuri ryange

Shuri nkunda shuri ndata
Shuri ndota ijoro n'umunsi
Shuri ryiza nzagukunda.

Wampaye ubwenge ngira agaciro
Nkabara neza ngasoma neza
Shuri ryiza nzagukunda.

Uranyigisha ukanjijura
Urampumura ukampugura
Shuri ryiza nzagukunda.

Igihe niga mporana nawe
Ntana nawe nijoro bwije
Shuri ryiza nzagukunda.

Wareze benshi uranabacutsa
Abarezi bacu warabatoje
Shuri ryiza nzagukunda.

Ubwenge utanga burahebuje
Abana twese dusoma neza
Shuri ryiza nzagukunda.

Uwanyereka uwaguhanze
Namutura urwa Gasabo
Namushima nkanamurata
Shuri ryiza nzagukunda.

Kugira neza biraturanga
Imico myiza ikanatubera
Dushimwa twese aho duca hose
Shuri ryiza nzagukunda.

Ndinda rwose njyane nawe
Tugane ishuri duhashye ubujiji
Ubujiji bwacu tubute ishyanga
Shuri ryiza nzagukunda.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA